REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIBUNGO.-

Kibungo le 3 novembre 1961

Impamvu : Ubuhinge.

N° 2452/agri 11/02/GP.-

Bimenyeshejwe Bwana De Fromme, Agronome wa Territoire ya Kibungu.

Bwana Sisimana Agronome i Kibungu.

Kuli Chef wa Comini (bose)

KIBUNGO
2746

Bwana,

Ukuko nsanswe abigenza ndashaka kubamenyesha izi ngingo uko ali ebyeli:

1. Ndabashimira ko mwakwijije mu baturage ugutsinda kwa Repubulika.
Ukuko nabyitegereje mu karere ko mu Mirenge no mu Gihunya, iminsi mikulu ntibe-
lika, kandi itangira mu gitondo ikageza nijoro, banywa, bahamilisa, bavuz'ingo-
ma. Ibyo biranyereka ko baturage bishimiye Repubulika.
Nimukwise ibitekerezo bya Repubulika, bya demokrasi mu baturage; kuli ubwo buryo
mubakomezeno ibitekerezo byabo, nabo kandi babyemere rwose.

2. Ntimwibagirwe ibis
Ubuhinge. Mubabwire guhinga mu gitondo cyose bahinge imyumbati n'ibijumba vuba na vuba.
Nimurebe amabaruwa yanjye n° 1080/agri 6/02/GP du 25 avril 1961, n) [illegible]/AI 33/22/02/GP du 26 avril 1961 n° 1234/A.G.I/02 du 3 mai 1961 na n° 2313/Agri 7/Bis. du 17 octobre 1961.
Nshuti nkunda Bourgmestre, ndabasaba ko mwiyumvisha ukuntu ali ngombwa guhinga imyumbati nyinshi, yitwa " ngunda" muli buli komini.
Kubera icyo nimurebe baruwa yanjye n° 1480/AI I/02/GP du 12 juin 1961.

Abaturage bahinga imyumbati yitwa" perebusumali" na " matetu" mu masambu yabo bgite, n'imyumbati yera mu mezi 8 ika nayaribgamo. Iyo mubonye be~~h~~iyo myumbati ali mwe ali n'abaturage muvuga ko muli komini yanyu hali imyumbati, nyamara niba ihari koko. Aliko muli iyi baruwa ndabibutsa ko mugomba gutera imyumbati yitwa " ngunda" kuko yo iramba mu butaka imyaka itanu, yo ishobora kurwan a amapha yashobora kuza ku buryo butitegwe.

Nimureka abaturage bakiterera mu milima yabo imyu-mbati yitwa "ngunda" ku ngo zabo cyanga mu ntoki zabo niba igomba kumaramo imyaka itanu kandi iyo mbuto igomba guterwa nibura kabili mu mwaka, mu minsi mike imilima y'ibishyimbo, ibigoli, amashaza, amasaka ali yo myaka bakunda guhinga ku ngo.

Ibyo bikaba byatuma ben'iyo myumbati yahingwa mu milima rusange. Kubera ibyo nimwongere gusoma mwitonze n° 2° et 3° C. y'ibaruwa yanjye n° 1480 ivugwa haruguru.

Niba lero mu minsi itaha nshuti bourgmestre, tugiye gukolesha imbaraga zacu zose kugirango abaturage bacu bamenye kwirwira kandi mubategeke . ku bundi buryo hari bandi batogotsi batabujije nabuza ubgigenge bga komini bashaka kubona ko mwarangije kubahilisa ingingo 32-33 na 63 Org-com.

Ndashaka ko iyi baruwa mugira icyo muyivugahó mu nama yanyu itaha ya komini ~~kandifuza~~ ndifuza ko muzagira icyo mubimenyasha ho vuba.

L'Administrateur de Territoire ff,
DE WEERD G.-

Le Préfet
GASHUGIKA Ph.